

# BOSE TUBIBUKE

*Mémoire pour Tous*

2 Mai 1999

<b><u>Twibuke abo twabuze</u></b>	<b><i>Souvenons-nous de nos disparus</i></b>
Incuti n'abavandimwe	<i>Nos amis et nos frères</i>
Twibuke abo twuzuye	<i>Tous ceux que nous avons aimés</i>
Nyuma tugatandukana	<i>Avant d'être séparés</i>
Abo twataramanye	<i>Tous ceux avec qui nous avons chanté et dansé</i>
Mu bihe by'ibyishimo	<i>Dans nos années de joie</i>
Benshi ntibakiriho	<i>Beaucoup ne sont plus</i>
Hehe no kubonana (2x)	<i>On ne se reverra jamais</i>
Ndagusabye tubibuke	<i>Je te prie souvenons-nous</i>
Abo twararanywe twiganye	<i>De nos camarades d'école</i>
Batashye igihe kitageze	<i>Ils sont partis trop tôt</i>
Iwabo wa twese	<i>Là où nous irons tous un jour</i>
<b><u>Abazize urusanzwe</u></b>	<b><i>Peu d'entre eux ont</i></b>
Nibo bake muri benshi	<i>Connu une mort naturelle</i>
Benshi bazize urw'impanuka	<i>Beaucoup ont été victimes d'accidents</i>
Ibyorezo n'intambara	<i>D'épidémies et de guerre</i>
Abazize umuhanda kw'itariki nk'iyi	<i>Les victimes de la route un jour comme celui-ci</i>
Abazize amasasu	<i>Les tués par balle</i>
Mu bihe by'intambara	<i>en temps de guerre</i>
Ayiwe we ntabwo bagira ingan	<i>Sont hélas innombrables</i>
(Ndabasabye) Nta nzika ku bapfuye	<i>Je vous prie : pas de rancune à l'égard des morts</i>
Bose tubibuke	<i>Célébrons leur mémoire à tous</i>
<b><u>Malaria n'ibyorezo bishya</u></b>	<b><i>La malaria et les nouvelles épidémies</i></b>
byadutse ubu	<i>Apparues ces dernières années</i>
Nta muni w'ubusa	<i>Chaque jour</i>
Bitwara abatabarika	<i>emportent tant de vies</i>
Ndagusabye tubibuke	<i>Je te prie souvenons-nous</i>
Abazize amateka y'amatage	<i>Des victimes de notre histoire cruelle</i>
Inzika zayo zirimbura imbaga	<i>Et de ses rancunes séculaires broyeuses de vies</i>
Abazize gakondo	<i>Les armes blanches ont servi</i>
hirya no hino ku misozi	<i>Partout sur nos collines</i>
Abatewe amabombe	<i>Les bombes sont tombées</i>
Ni iyihe mana yabatanze	<i>Quel dieu aurait accepté cela</i>
Abazize tifusi bagapfira ku ngoyi	<i>Le typhus a frappé dans nos prisons</i>
Abatikiriye ishyanga, shyanga	<i>Des centaines de milliers décimés en cours d'exode</i>
Bazaterekerwa bate? (2x)	<i>Comment fera-t-on leur deuil</i>
<b><u>Ibibondo Malavika</u></b>	<b><i>Tant de bébés angéliques</i></b>
Imitima izira inenge	<i>Au cœur sans péché</i>
Jyewe ntabwo nemera	<i>Moi je refuse de croire que Dieu</i>
Ko bagiyeye Imana ibishaka	<i>a voulu leur mort</i>
Mfite agahinda kenshi	<i>Mon cœur est plein de tristesse</i>
k'abibagiranye	<i>Pour tous les oubliés</i>
Abapfuye bahagaze,	<i>Tous les mort-vivants</i>
abatagira kivurira	<i>Et tous les laissés-pour-compte</i>
Abazize amaherere, abazize akarengane	<i>Les victimes innocentes d'injustice</i>
Abazira akagambane	<i>Les victimes de la délation</i>
Ni iyihe Mana ibatanga?	<i>Quel Dieu voudrait leur mort</i>
Abatotezwa bose,	<i>Tous les persécutés</i>
Ni iyihe Mana ibatanga?	<i>Quel Dieu voudrait leur mort</i>
Abifashe mapfubyi	<i>Les tristes et les reclus</i>
Ni iyihe Mana ibatanga?	<i>Quel Dieu voudrait leur mort</i>
Abarara rubunda	<i>Les sans domicile, sans abri</i>
Ni iyihe Mana ibatanga?	<i>Quel Dieu voudrait leur mort</i>
<b><u>Twibuke abo twaribo</u></b>	<b><i>Souvenons nous de qui nous étions</i></b>
Mbere yuko tuba abo turi	<i>Avant de devenir ce que nous sommes</i>
Twibaze abo turibo	<i>Demandons-nous qui nous sommes</i>
N'impamvu tukiriho	<i>Et pourquoi nous sommes encore vivants</i>
<b><u>Abapfuye uyu muni</u></b>	<b><i>Ceux qui sont morts aujourd'hui</i></b>
Bibeshye ko ari imperuka	<i>On cru que la fin du monde est arrivée</i>
Binjiye impitagihe	<i>Ils sont entrés dans le passé</i>
Nubamenya ibizaba ejo	<i>Et ne sauront rien de demain</i>
Ndagusabye tubibuke	<i>Je te prie souvenons-nous de tous</i>
Bose tubibuke	<i>et de chacun</i>
Abavuyemo umwuka	<i>de tous les trépassés</i>
Bose tubibuke	<i>souvenons-nous</i>
Hirya no hino mu gihugu	<i>partout dans le pays</i>
Ayiwe we, Bose tubibuke	<i>âie souvenons-nous</i>
Bose tubibuke	<i>Sans discrimination</i>